# AMASEZERANO YO KUZIGAMIRA INZU

## ABASHYIZE UMUKONO KURI AYA MASEZERANO:

IKIGO CY'IMARI « COPEDU PLC », gihagarariwe muri aya masezerano na Madamu ________________________________ Umuyobozi ushinzwe ishami ry'ubucuruzi hakurikijwe ububasha yahawe n'umuyobozi Mukuru Madamu__________________, aricyo cyitwa « Uzigama » muri aya masezerano : na ________________________________ mwene ____________________ na ____________________ ufite Indangamuntu No: _____________ yatangiwe _____________ utuye _____________ ariwe witwa « **Uzigamirwa** muri aya masezerano.

## BEMERANIJWE IBI BIKURIKIRA :

**Ingingo ya 1:** Uzigamirwa yiyemeje kuzigama buri kwezi muri COPEDU PLC , umubare w'amafaranga __________________ (............FRW ) mu gihe cy'amezi makumyabiri n'ane (24). **Umubare w'amafaranga n'itariki ayo mafaranga ashyirirwa kuri konti ntibishobora guhinduka**, kandi uzigamirwa ntiyemerewe kubikuza ayo mafaranga, cyereka yabyemerewe na COPEDU PLC, nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 7 y'aya masezerano.

**Ingingo ya 2:** Uzigama yemeye guha uzigamirwa inyungu z'amafaranga 4% nyuma y'uko igihe cy'amezi yavuzwe haruguru cyubahirizwa kandi ayo mafaranga yazigamwe akiri kuri konti y'uzigamirwa kugeza ku itariki ya __________________

**Ingingo ya 3:** Izo nyungu azazihabwa hakuwemo imisoro iteganyijwe n'amategeko

**Ingingo ya 4 :** Iyo amezi makumyabiri n'ane (24) ashize uzigamirwa yujuje ibyavuzwe mu ngingo ya 1 n'iya 2 kandi akaba yujuje ibiteganywa na politiki y'inguzanyo, ahabwa inguzanyo itarenze 70% y'agaciro k'inzu yifuza

**Ingingo ya 4 :** Iyo amezi makumyabiri n'ane (24) ashize uzigamirwa yujuje ibyavuzwe mu ngingo ya 1 n'iya 2 kandi akaba yujuje ibiteganywa na politiki y'inguzanyo, ahabwa inguzanyo itarenze 70% y'agaciro k'inzu yifuza

**Ingingo ya 5 :** Inzu yazigamiwe ishobora kuba ingwate mu gihe uzigamirwa nta yindi ngwate afite cyangwa ikaba ingwate y'inyongera igihe bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 6 :** Impande zombi zumvikanye na none ko impinduka iyo ariyo yose yerekeranye n'aya masezerano, igomba kumenyeshwa urundi ruhande bikozwe mu nyandiko mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi mbere y'uk impinduka iba.

**Ingingo ya 7 :** Iyo uzigamirwa akeneye gusubizwa amafaranga yazigamye hatubahirijwe igihe cy'amezi makumyabiri n'ane(24) yari yiyemeje ahabwa amafaranga yazigamye nta nyungu. Iyo nanone uzigamirwa atubahirije itariki yagenwe yo kuba amafaranga ya buri kwezi ari kuri konti, amafaranga y'ubwizigame agezemo asu bizwa kuri konti isanzwe nta nyungu, konti yo kuzigama igahita ifungwa.

**Ingingo ya 8:** Impaka zose zakomoka kuri aya masezerano zizakemurwa n'inkiko zibifitiye ububasha mu gihe ubwumvikane buzaba bwananiranye.

**Ingingo ya 9:** Uzigamye afite uburenganzira bwo guhabwa iminsi mirongo itatu30 yigihe cyo gutekereza kubikubiye mu masezerano yo kuzigama mbere yuko ashyirwaho umukono nimpande zombi igihe abona ko ari ngombwa.

**Ingingo ya 10:** Aya masezerano atangira gushyirwa mu bikorwa uhereye igihe ashyiriweho umukono n'impande zombi. Aya masezerano akozwe mu nyandiko 2 z'umwimerere, imwe ku ruhande rw'Uzigama indi ku ruhande rw'Uzigamirwa.

**Bikorewe i Kigali, ku itariki ya ___________________, mu nyandiko 2.**

Umukono n'Amazina by'Uzigamirwa

_________________

Umukono w'Umuyobozi w'ishami ry'ubucuruzi muri COPEDU PLC

_________________